



WORLD MISSION
HIGH SCHOOL

Umwanzuro

UMUKORO W'IKINYARWANDA		Imyirondoro	
Amashami	Yose	Umunyeshuri	
Agashami	Twose	Umwariimu	Rubega Edson
Nimero	CCMKN 501	Imbumbanyigisho	Ikinyarwanda k'Intyoza
Urwego	5	Itariki	Ukwakira, ku wa...., 2026

IGICE CYA I : GUSOMA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

Ubwo Rugwe yari akiri umwana utarashinga intekerezo zo kuba yakwima ingoma se yamuraze, yatwarirwaga na Cyenge cya Mukobwa wa Ndoba ya Samembe. Ibyo byamaze igihe ku buryo hari n'abibwiraga ko ahari Cyenge ari we mwami wa rubanda. Ariko Cyenge yazirikanaga isezerano yagiriye Ruganzu I. Bityo, uko bwacyaga bukira ni ko yagendaga yitegereza imikurire y'igikomangoma cyari cyarazingamye bikamutera impagarara mu mutima.

Nyuma rero y'uko Abagoyi bavuriye Rugwe bakamukuramo inzoka yari yararozwe ikamuzinga, Cyenge yatangiye kumutoza ari na ko bamwondora. Umwana amaze kwondoka, Cyenge akamujiyana ku karubanda nk'igihe imanza zisobetse maze akamusaba gucira abantu imanza ngo arebe ko azashobora gucira rubanda imanza. Rimwe rero haza abahigi babiri baburanaga impongo yarashwe. Umwe ati "Ni jye wayirashe mbere, undi ati 'Rwose ni jye wayibanje". Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abo bantu imanza. Rugwe ni ko kubaza uwa mbere ati "Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa iriya nyamaswa?" Undi ati "Yeee. Ni jye rwose". Ni uko igikomangoma kiti "Zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge n'iby'ivumbura" Umuhigi ati "Reka nari jyeneyine". Igikomangoma ni ko kubaza uwari usigaye nk'ibyo cyabajije uwa mbere. Undi ahera ko azana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati

“Inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”.

Maze ababuranyi bombi banyurwa n’imyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwo, uburyo bwo gushora abantu mu icibwa ry’urubanza rikurwa no kujya hazanwa abatangabuhamya bitwa “ABAGABO”. Cyenge na we mu kubona ko umwana yakuze byo kuba yakwima ingoma ahera ko akurikira inzira z’ubwiru, umwami yima ingoma ya se yitwa Cyirima I kandi araga umuryango w’Abakobwa kuba abiru b’abimikangoma.

I. *IBIBAZO BYO KUMVA UMWANDIKO*

- 1.** Uyu mwandiko ni bwoko ki? Wawuha irihe zina(umutwe wawo) **/3**
- 2.** Vuga amazina yombi y’umwami uvugwa ko yarindiwe ingoma. **/2**
- 3.** Ingoma ivugwa mu mwandiko yari yararazwe n’Umwami **/2**
a. Yuhi III Musinga b. *Ruganzu II Ndori* d. *Ruganzu I Bwimba.*
- 4.** Ni ubuhe buryo igikomangoma cyakoresheje ngo kidateranya abakimbiranaga? **/2**
- 5.** Andika ubundi buryo butatu(3) bukoreshwa mu gukemura amakimbirane. **/3**

II. INYUNGURAMAGAMBO

- 6.** Himba interuro ziboneye ukoresheje izi mvugo zo mu mwandiko **/4**
 - a.** *Ku karubanda :*
 - b.** *Gusonga :*
 - c.** *Abiru b’abimikangoma :*
 - d.** *Impagarara :*

IGICE CYA II : UBUMENYI B'WURURIMI

7. Vuga uturango tw'ikinamico nibura 8 . /4
8. Guhimba no gukina ikinamico bimaze iki? /2
9. Ni utuhe turango tw'inkuru shusho dusobanurwa muri buno buryo? /4
- i. Umwanya urimo ibisobanuro byitwa imvugo ngobe*
- ii. Impera z'ishusho cyangwa z'akazu*
- iii. Uruhererekane ruhagaze rw'amashusho*
10. iv. Amagambo atera amatsiko aba akangurira abakurikiye umukino kuza kumva neza
11. Uzuza izi nteruro wifashishije amasano /4
- Cyirima Rugwe ni igikomangoma cya Ruganzu I ,
- a. Umukobwa wa Ruganzu I niwa Cyirima Rugwe.
- b. Umuhungu wa Cyirima Rugwe niwa Ruganzu I
- c. Mushiki wa Ruganzu I niwa Cyirima Rugwe.
- d. Abana ba Mushiki wa Ruganzu I niba Cyirima Rugwe.

IHEREZO